# ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER

**JANUARY 2024**

## MINISITIRI W'UBUZIMA YIJEJE UBUYOBOZI KONGERA UMUBARE WA "AMBULANCE" MU BITARO BYA REMERA RUKOMA









Tariki 18 Mutarama 2024 Ministiri w'ubuzima Dr.Nsanzimana Sabin yasuye Ibitaro bya Remera Rukoma.Uru ruzinduko rwari rugamije kureba uko serivisi z'ubuvuzi zitangwa muri ibi Bitaro ndetse no kujya inama ku bikwiye kunozwa kugira ngo imitangire ya serivisi irusheho kuba myiza.

Nyuma yo kureba zimwe muri serivisi zitandukanye zitangirwa muri ibi Bitaro, hakozwe inama yitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice, Ubuyobozi bw'Akarere, inzego z'umutekano, ubuyobozi bw'Ibitaro n'abakuriye serivisi zitandukanye zitangirwa hano kwa muganga, mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku bikwiye kwitabwaho kugira ngo ibi biraro bikomeze kugira imikorere myiza.

Muri iyi nama Minisitiri Nsanzimana yatangaje koi bi bitaro kimwe n'ibindi mu gihugu bizahabwa imbangukiragutabara zunganira izari zisanzwe kugira ngo zifashe mu kazi ka buri munsi. Yavuze kandi ko hari gushakwa ingengo y'imari kugira ngo ibi Bitaro byagurwe.

## HASHOJWE AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2023/2024

Tariki 12 Mutarama 2024 kuri stade ya Ruyenzi Umurenge wa Runda, niho habereye imikino ya nyuma (final) y'umupira w'amaguru, mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup". Mu bagabo ikipe y'Umurenge wa Mugina n'ikipe y'Umurenge wa #Rugalika nizo zabashije kugera ku mukino wa nyuma naho mu bakobwa Umurenge wa Gacurabwenge wakinnye n'Umurenge wa Mugina.





Ikipe y'Umurenge wa Rugalika mu bahungu niwo watwaye igikombe itsinze Umurenge wa Mugina. Ikipe y'Umurenge wa Gacurabwenge niyo yatwaye igikombe ikipe y'Umurenge wa Mugina mu bakobwa.

Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis KAREMERA, abayobozi b'Imirenge, abafatanyabikorwa n'abaturage batuye mu Mirenge itandukanye baje gufana amakipe.







## ABAGIZE URWEGO DASSO BIBUKIJWE KO "DISCIPLINE" ARI INGENZI IGIHE CYOSE





Tariki 15 Mutarama 2024, ku Karere habereye inama y'abagize urwego rwa DASSO bose bakorera mu Karere ka Kamonyiikaba yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylivere.

Ibiganiro byitabiriwe kandi n'umuyobozi w'Urwego rw'Inkeraguratabara Lt Col Eliphase MUGISHA ndetse n'umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis KAREMERA.

Hagarutswe ku mikorere n'imikornaire, imyifatire n'imikoranire ya DASSO muri rusange, Uko umutekano wari wifashe mu gihe cy'iminsi mikuru no kwitegura gukora neza batanga umusaruro ufatika muri uyu mwaka wa 2024 kuko harimo gahunda nyinshi z'ingenzi.



Basabwe kugira imyitwarire iboneye (discipline), ubwitange no gukorera ku ntego kandi hakitabwaho cyane cyane gushyira imbere umutekano w'umuturarwanda amakuru agatangirwa ku gihe.





## HAKOZWE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU ISHYIRWAMUBIKORWA RYA GAHUNDA ZA LETA






Tariki 19 Mutarama 2024 Kuri site ya Rukoma mu Murenge wa Rukoma ndetse no kuri site ya Mugina mu Murenge wa Mugina, uyu munsi Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice yayoboye inama yatumiwemo abayobozi mu nzego zitandukanye bo mu Mirenge ya Nyamiyaga, Mugina, Ngamba, Gacurabwenge na Rukoma (Abakuru b'Imidugudu, inkeragutabara, abayobozi b'Ibigo by'amashuri, abayobozi b'ibigo nderabuzima, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari).



Abitabiriye baganiriye kuri gahunda z'imibereho myiza n'iterambere ry'umuturage, kubumbatira umutekano n'imitangire ya serivisi inoze.

Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo Maj.General GATAMA Vincent, Umuyobozi wa Polisi mu Ntara ACP Desire M. TWIZERE, Umuyobozi w'Urwego rw'Inkeragutabara mu Ntara n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Intara n'Inama y'umutekano itaguye y'Akarere.



Ku ruhande rw'ubuyobozi bw'Akarere, kuri site ya Rukoma iyi nama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, VM ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel yari muri ibi biganiro mu Murenge wa Mugina.

# ABASENATERI BASABYE KOPERATIVE GUHARANIRA ITERAMBERE RY'ABANYAMURYANGO









Tariki 18-19 Mutarama 2024, abasenateri basuye amwe mu makoperative y'ubuhinzi kugira ngo birebere imikorere yayo ndetse banatange inama ziganisha ku kurushaho gufasha umunyamuryango gutera imbere.
Nyuma yo gusura amwe mu makoperative y'ubuhinzi n'ubworozi basuzuma uko ahagaze, ku munsi wa 2 w'uruzinduko rw'abasenateri mu Karere baganiriye n'abayobozi b'amakoperative y'ubuhinzi n'Ubworozi yose mu Karere.

iri tsinda ry'abasenateri rigizwe na Hon. Sen.Nkusi Juvenal na Hon. Sen.Habineza Faustin mu nama n'aya makoperative basabye aba bayobozi kurushaho guharanira inyungu z'abanyamuryango kandi bakita ku cyateza imbere koperative.
Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere n'abagize inzego z'umutekano. Gusura ibikorwa by'amakoperative baherekejwe na Visi Meya Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.

## ABAKOZI BASABWE GUKOMEZA GUSENYERA UMUGOZI UMWE



Tariki 25 Mutarama 2024 Mu gitondo ku Karere, Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere; yagiranye inama n'abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere.

Mu nama Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bakozi impanuro zatanzwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano19, aho buri wese asabwa kumva uburemere bw'inshingano, gusenyera umugozi umwe, guharanira kuba abo turibo no guharanira kuba abo twifuza kuba bo, kuzuza inshingano mu rwego rwo guharanira kubaka u Rwanda twifuza.

Mu nama hagarutswe kandi ku mikorere n'imikoranire no kwigiranaho no gushyira imbaraga muri gahunda za Leta zikeneye ubukangurambaga.









# HATANZWE MUDASOBWA 35 KU BAFASHA MU KWIGISHA (TEACHER ASSISTANTS)



Tariki 26 Mutarama 2024 mu rwego rwo guteza imbere uburezi binyujijwe mu mushinga "Teaching Assistantships Project)-TAP; uterwa inkunga na MasterCard Foundation; umufatanyabikorwa IEE (Inspire, Educate and Empower Rwanda) hatanzwe mudasobwa 35 ku rubyiruko rwatsinze neza mu mashuri yisumbuye rwifashishwa mu kwigisha (Teaching Assistant).



Iki gikorwa cyo gutanga mudasobwa kuri urwo rubyiruko rufasha mu kwigisha cyabereye ku biro by'Akarere cyitabirwa na VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee). Yasabye aba banyeshuri kuzifata neza kugira bazibyaze umusaruro ndetse bafashe n'abandi mu myigire yabo.



## KAYENZI: UMUGANDA RUSANGE WIBANZE KU KURWANYA ISURI KU MUSOZI WA MARENGA

Tariki 27 Mutarama 2024, ku musozi wa Marenga,Akagari ka Nyamirama Umurenge wa Kayenzi kimwe n'ahandi mu Karere niho ku rwego rw'Akarere habereye umuganda rusange usoza ukwezi. Hibanzwe ku gusibura imirwanyasuri kuri uyu musozi mu rwego rwo gukumira isuri yakwangiza igishanga cya Jeredi gitunganyije.



Habaye kandi umuganda w'ubumenyi aho abitabiriye umuganda hano i Kayenzi mu Kagari ka Nyamirama bapimwe indwara zitandura (diabete, umuvuduko w'amaraso)banagirwa inama z'uburyo babungabunga ubuzima bwabo birinda indwara zirimo Cancer y'inkondo y'umura.



Umuganda witabiriwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis Karemera, Umuyobozi ushinzwe guhuza Polisi n'abaturage supt. Uwanyinyirigira Marie Goretti, Umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere, umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kayenzi





## ABADEPITE BASUYE AKARERE BASUZUMA IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI 2023/2024

Tariki 17 Mutarama 2024 Itsinda ry'Abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo by'igihugu riyobowe na Hon Depite NYIRABAZAYIRE Angelique ari kumwe na Hon Depite UWAMAHORO Berthilde basuye Akarere ka Kamonyi mu rwego rwo gusuzuma igipimo cy'ikoreshwa ry'ingengo y'Imari ya Leta mu mezi atandatu ya mbere y'Umwaka wa 2023-2024 n'ishyirwa mu bikorwa ry'Imishinga y'Iterambere.



Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere n'abandi bagize Komite Nyobozi y'Akarere, abayobozi b'Amashami ku Karere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abahagarariye REG, WASAC, JADF, Amashuri, Ibitaro n' Abandi bafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere.
Igikorwa cyakomereje ku gusura imwe mu mishinga y'Iterambere irimo gukorwa harimo Umuhanda wa kaburimbo wa Ruyenzi - Gihara – Nkoto.





## UBUYOBOZI BURATANGAZA KO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE ARI INSHINGANO





Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel aratangaza ko gukemura ibibazo by'abaturage ari inshingano z'ubuyobozi kandi ko buri wese uri mu nzego agomba kumva ko umuturage ibibazo yaba afite bigomba gushakirwa umuti.



Tariki 26 Mutarama 2024 Mu Murenge wa Rugalika Akagari ka Kigese Kigese VM ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel ari kumwe na bamwe mu nzego z'umutekano ku Karere (Umuyobozi wa NISS n'Umuyobozi w'Urwego rw'Abinjira n'Abasohoka) bagiye gukemura ikibazo cy'umuturage witwa Rulinda Anastase afitanye n'umuryango we kuko avuga ko Ubuyobozi bwamurenganyije ndetse akanatsindwa mu buryo atemera ahubwo akajya gusaba inzego zinyuranye zo hejuru ko zamurenganura . Habayeho guterana kuri bamwe mu bagize umuryango we kugirango ikibazo gihabwe umurongo kandi gikemuke.

## HAKOZWE INAMA KURI GAHUNDA Z'UBUHINZI N'ITERAMBERE RYABWO

Tariki 31 Mutarama 2024, ku Karere habereye inama iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee.



Hagarutswe ku gutegura igihembwe cy'ihinga cya kabiri 2024 (season B2024); gutegura ibikorwa byo kuhira imyaka mubyanya byatunganyijwe mu Karere; Imihigo iri inyuma y'ubuhinzi n'ubworozi.

Inama yatumiwemo abakozi b'akarere bafite aho bahurira na gahunda z'ubuhinzi n'ubworozi, abayobozi ba koperative z'ubuhinzi, abacuruzi b'inyongeramusaruro, Abakozi ba RAB Station ya Muhanga; Umukozi wa TUBURA ; Umukozi wa YEAN uvuye Kigali.









# ABESAMIHIGO NEWSLETTER JANUARY 2024

## ABANYESHURI BIBUKIJWE KO UBUTWARI BUHARANIRWA







Tariki 31 Mutarama 2024, mu gihe ku munsi w'ejo tariki ya 01.02.2024 tuzirikana Umunsi Mukuru w'Intwari z' u Rwanda, mu bigo bitandukanye mu mashuri agize Akarere ka Kamonyi hatanzwe ikiganiro ku butwari bw'abanyarwanda.Insanganyamatsiko yagiraga iti:" UBUTWARI MU BANYARWANDA AGACIRO KACU".

Abanyeshuri bari kumwe n'abarezi babo bahawe ikiganiro ku butwari bw'abanyarwanda aho basobanukiwe ibyiciro by'ingenze by'intwari aribyo: Imanzi, Imena n'ingenzi.

Abitabiriye ibi biganiro basanzwe guhora iteka bazirikana intwari z'u Rwanda kandi bakagera ikirenge mu cyabo, barangwa n'ibikorwa byiza biteza Igihugu imbere.



# HAKOZWE INTEKO Z'ABATURAGE MU TUGARI HAGANIRWA KURI GAHUNDA ZA LETA





Nkuko bisanzwe buri wa kabiri w'icyumweru ni umunsi Minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu yahariye Inteko z'abaturage hagamijwe kwakira no gukemura ibibazo byabo.



Tariki 30 Mutarama 2024, Hirya no hino mu Tugari, habereye inteko z'abaturage zahuje ubuyobozi n'abaturage.
Muri muri izo nama, hagarutswe ku gusubiza abana mu ishuri, hasobanuwe ibirebana n'Irangamimerere na serivisi zijyanye nayo, gukumira amakimbirane mu muryango, ubwisungane mu kwivuza, gahunda ya Ejo Heza, Ubwisungane mu kwivuza, kwicungira umutekano, kugaruza inguzanyo zatanzwe muri VUP/FS.



Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yakiriye inteko mu Murenge wa Mugina akagari ka Mbati, VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, yari mu Kagari ka Bugoba Umurenge wa Rukoma.



## UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAKOZE UBUGENZUZI KU MYITEGURO Y'ISARURA



Tariki 29 Mutarama 2024 Mu Murenge wa Gacurabwenge Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel ari kumwe n'umuyobozi w'ishami ry'ubuhinzi, Ubworozi n'umutungo kamere bwana MUKIZA Justin basuye abahinzi bakorera mu gishanga cya Rwabashyashya mu rwego rwo kureba uko abahinzi biteguye kwakira umusaruro w'ibigori bubaka hangari zunganira izisanzwe bazanikamo umusaruro.



Hasumwe kandi koperative IMPABARUTA (Rwabashyashya) na KOUBITE (Bishenyi). Bagiriwe inama yo kwihutisha imirimo bitarenze 15/02/2024 imirimo yo kubaka no gusana hangari zisanzwe ikaba yarangiye.



## HAKOZWE INTEKO Z'ABATURAGE MU TUGARI HAGANIRWA KURI GAHUNDA ZA LETA





Nkuko bisanzwe buri wa kabiri w'icyumweru ni umunsi Minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu yahariye Inteko z'abaturage hagamijwe kwakira no gukemura ibibazo byabo.

Tariki 30 Mutarama 2024, Hirya no hino mu Tugari, habereye inteko z'abaturage zahuje ubuyobozi n'abaturage.

Muri muri izo nama, hagarutswe ku gusubiza abana mu ishuri, hasobanuwe ibirebana n'Irangamimerere na serivisi zijyanye nayo, gukumira amakimbirane mu muryango, ubwisungane mu kwivuza, gahunda ya Ejo Heza, Ubwisungane mu kwivuza, kwicungira umutekano, kugaruza inguzanyo zatanzwe muri VUP/FS.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yakiriye inteko mu Murenge wa Mugina akagari ka Mbati, VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, yari mu Kagari ka Bugoba Umurenge wa Rukoma.







## HASHYIZWE IBUYE RY'IFATIZO AHAZUBAKWA ISHURI RY'INCUKE (ECD)



Tariki 29 Mutarama 2024, mu Murenge wa Rugalika akagari ka Bihembe kuri Paroisse EPR Karama habereye umuhango wo gutangiza igikorwa cyo kubakaECD, cyayobowe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee ari kumwe n'Umufatanyabikorwa ForAfrica yari ihagarariwe Chief Executive Officer Mr ISAK Pretorius na ALEMSHET uyiyobora mu RWANDA hari kandi Rev.Past.BIZIMANA Jeromewari uhagarariye EPR ,intumwa ya NCDA bakiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rugalika bwana NKURUNZIZA Jean de Dieu.

Ari kumwe n'abo bafatanyabikorwa Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yasuye ingo mbonezamikurire z'abana bato mu rwego rwo kureba uruhare rwazo mu mikurire y'abana no kurwanya igwingira n'imirire mibi mu bana.





## MU MIRENGE HAKOZWE UBUKANGURAMBAGA KU KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO




Mu rwego rwo gushishikariza abasora gahunda yo kwishyura imisoro isabwa, tariki 27 mutarama 2024 Mu Mirenge ya Karama, Kayenzi, Rukoma na Ngamba abakozi b'Akarere bifatanyije bifashishije sonomobile bakoze ubukangurambaga ku kwinjiza imisoro n'amahoro.

ubutumwa bwatanzwe bujyanye n'imisoro basabwa kwishyura ariyo: umusoro ku mutungo utimukanwa, umusoro w'ubukode n'umusoro w'ipatanti, bakanguriwe kujya bakorera imenyekanisha kandi bakishyurira imisoro ku gihe kandi ko umuturage wajya agira ikibazo ku bijyanye n'umusoro yajya agana ibiro bya RRA bakamufasha .

Iki gikorwa cyakurikiranwe n'ishami ry'imari mu Karere kikazakomeza ku munsi w'ejo mu Mirenge ya Runda na Rugalika.





**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR & Communications"**

@kamonyi
Toll free Helpline 4057
AbesamihigoKamonyi